**A Abahamya babiri ni bande?**

- Kuvuga ku biti bibiri by'imyelayo n'ibitereko by'amatabaza bibiri (Ibyahishuwe 11: 4) bitujyana ku iyerekwa ryo muri Zekariya 4. Muri ryo, ibiti by'imyelayo bivamo amavuta agaburira igitereko cy'amatabaza gishamitse karindwi (Zekariya 4:1–3, 12).
- Ibiti by'imyelayo ni "ababiri bāsīzwe", bo hamwe n'igitereko cy'amatabaza, bishushanya "ijambo ry'Uwiteka" (Zekariya 4:6, 14). Ni ukuvuga Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya.
- Hakoreshejwe Mose na Eliya nk'ibigereranyo, Ibyahishuwe 11 havuga kuri aba bahamya babiri:
  - Bambaye ibigunira (3): Mu bihe bishishana, Bibiliya yarazigamwe
  - Bahagarara imbere y'Imana (4): Imana ntiyemeye ko ijambo ryayo ritsembwa
  - Iyo umuntu ashatse kubagirira nabi umuriro ubava mu kanwa (5): Ubutumwa bwa Bibiliya "butwika" abanzi bayo (Yeremiya 5:14)
  - Bakinga ijuru ngo imvura itagwa (6a): Uhakana Bibiliya yamburwa imvura y'Umwuka Wera (amavuta).
  - Bahindura amazi amaraso bagateza isi ibyago (6b): Abize Bibiliya ni bo bonyine barokowe ibyorezo n'umwijima wo mu bya mwuka byo mu Gihe cy'Umwijima.
- Nk'uko byagendekeye Mose na Eliya, Bibiliya yajyaga gutotezwa bikomeye; yajyaga kurwana na leta zihakana Imana; yajyaga gutwikanwa ubugome … Amateka yemeza neza isohozwa ry'ubu buhanuzi

**B Batanze ubuhamya bwabo mu gihe kingana iki?**

- Ibyahishuwe 11 hatangirana n'iyerekwa ry'Ubuturo Bwera bwo mu Ijuru, ndetse n'abaramya imbere y'icyotero cy'imibavu (Ibyahishuwe 11:1).
- Mu Rugo h'Ubuturo Bwera bwo mu Ijuru ni Isi, aho "Abanyamahanga" – abatizera – basiribanze "umurwa wera" – ni ukuvuga ubwoko bw'Imana – mu gihe cy'amezi 42 (umur. 2).
- Muri kiriya gihe, Ijambo ry'Imana ryajyaga kwambara "ibigunira" – kunyura mu bishishana – (umur. 3) [amezi 42 x iminsi 30 = iminsi 1.260 (mu buhanuzi ni imyaka 1.260)].
- Kuva mu mwaka wa 538, itorero ry'i Roma ryatangiye kwerereza buhoro buhoro imigenzo yaryo riyisimbuza Ijambo ry'Imana, rigera n'aho ribuzanya gusoma Bibiliya no guciraho iteka ry'urupfu abayitunze, abayisoma, cyangwa ababayeho bakurikije imyizerere yayo (inyigisho).
- Hafi y'iherezo ry'icyo gihe, abagorozi bagize igihe cy'agahenge muri aka karengane (Matayo 24:22).

**C Bapfuye bate?**

- Ni ubuhe butegetsi bwavumbutse mu mpera z'imyaka 1.260, ni ukuvuga ahagana mu 1798?
- Impinduramatwara y'Abafaransa, yatangiye mu 1789, yabyaye icyiswe "ingoma y'iterabwoba" (1793–1794), byerekana neza uwari inyuma y'ubu butegetsi: Satani n'abadayimoni be. Ubu butegetsi buvugwa mu buryo butatu (Ibyahishuwe 11:8):
  - Sodomu: Impinduramatwara yatangije igihe cy'ubusambanyi bukoabije.
  - Egiputa: Ubutegetsi bw'abahakanamana (Kuva 5: 2), nubwo butibujije kuramya "ikigirwamana cy'intekerezo".
  - Aho Yesu yabambwe: Igitambo cya Yesu cyajyaga kwangwa.
- Muri kiriya gihe, idini yavanyweho, Bibiliya iracibwa kandi iratwikwa.

**D Ni ryari bazutse maze bakajya mu ijuru?**

- Ku ya 26 Ugushyingo 1793, ubutegetsi bw'i Parisi (u Bufaransa) bwasohoye iteka rica idini. Iri teka ryasheshwe ku ya 17 Kamena 1797. Muri icyo gihe cy'imyaka itatu n'igice, U Bufaransa bwarishimye kandi bunezezwa no "bwibohora" igitugu cy'idini, kandi bugacecekesha ijwi rya Bibiliya (Ibyahishuwe 11:9–10).
- Mu cyimbo cyo gucecekeshwa cyangwa kurimburwa, Bibiliya yahagurukanye ugukomera kuruta uko yahoranye mbere. Abamisiyoneri b'Abaprotestanti basākāje ubutumwa bwiza kugeza ku mpera z'Isi (Ibyahishuwe 11:11).
- Wiliyamu Wiliberiforuse yashinze Umuryango wa Bibiliya wa mbere mu 1804 kugira ngo ukwirakwize Bibiliya mu bantu. Amakopi ya Bibiliya yikubye ibihumbi, kugeza ibaye igitabo cya mbere cyagurishijwe cyane ku isi. Kugeza ubu, gukwirakwiza Ijambo ry'Imana ni ntakumirwa. Yashyizwe n'Imana mu mwanya idashobora gutsembwa (Ibyahishuwe 11:12).

**E Nyuma yaho byagenze bite?**

- Kuva ku "izuka" ry'abahamya babiri, igice cya nyuma cy'intambara ikomeye kiratangira: igihe cy'imperuka.
- Kugaruka kwa Yesu kuzabanzirizwa no kurakara kw'amahanga, kandi kizarangirana no kurimbuka kw'"abarimbura Isi" (Ibyahishuwe 11:18).
- Ibi bintu byose bivugwa mu buryo bwo kuramya mu ijuru (Ibyahishuwe 11:16–17), gusozwa n'iyerekwa ry'Isanduku y'Isezerano mu Buturo Bwera bwo mu ijuru (Ibyahishuwe 11:19).
- Kuko twamaze kugera mu "gihe cy'urubanza" (Ibyahishuwe 11:18), icyo urubanza rushingiyeho cyeretswe isi: amategeko icumi ari mu Isanduku y'Isezerano.